MUGWANEZA Pacifique
Umuyobozi mukuru RCA
Akarere ka Muhanga
Rwanda

Itsinda ry'Abanyamuryango
Koperative Ubumwe Kinyinya
Akarere ka Gasabo
Umujyi wa Kigali
Kuwa 20/03/2023

**Impamvu:** Gusaba Kurenganurwa

Muyobozi,

Dushingiye ku mateka ya koperative Ubumwe Kinyinya yatangijwe kuya 28/09/2012 igatangizwa n'abanyamuryango 47 bakagenda biyongera bakagera ku banyamuryango 524,

Dushingiye kandi ko abanyamuryango 132 bavuyemo nyuma yo kubona ko ubuyobozi bwa koperative butangiye gukora nabi bagasaba gusubizwa ayabo, bamwe bakayabwa, dushingiye kandi ku nkomoko y'imari n'umutungo bya koperative, hanashingirwa ko amwe mu mategeko avugurwa cyangwa agahindurwa ndetse n'ibyaha bimwe na bimwe bikanasaza,

Tugashingira ku ibaruwa ry'ubutaka bwa koperative, tukanashingira ku itangwa ry'isoko kugira ngo koperative itangire kubaka amazu y'ubucuruzi bwayo, hanyuma tukanashingira ku mpamvu koperative ubumwe Kinyinya yashowe mu manza kugeza n'aho itsindwa, ubutaka, umutungo wayo utezwa cyamunara kubera amafuti yakozwe n'ubuyobozi,

Tukanashingira ku nama n'umwanzuro byatanzwe n'ishami ry'ubungenzuzi bw'ikigo cya Leta gishinzwe guteza imbere amakoperative mu Rwanda;

Tunejejwe no kubandikira nyuma y'imyaka igiye kuba ibiri (2) twarahejejwe mu cyizere cyo kurenganurwa imvugo ntibe ingiro kudufasha gutumiza inama rusange y'abanyamuryango nkuko bigaragarira muri raporo yakozwe n'ikigo mubereye umuyobozi mukuru kugira ngo muturenganure dusubizwe umutungo wacu cyangwa dusubizwe imigabane twatanze habariwemo n'inyungu y'imyaka 11 amafaranga yacu tutayakoresha

Ntitwasoza tutabibukiye ko mu busabe bwanyu musaba inzego zinyuranye; Umurenge wa Kinyinya, Akarere ka Gasabo, Minaloc, Minicom, Urwego rw'Umuvunyi, RPPA, RIB, MINERENA, ubufatanye hagati yanyu kugira ngo abanyamuryango dusubizwe uburenganzira bwacu bwo gusubizwa umutungo wacu.

Mu gihe tugitegereje igisubizo cyanyu kandi kitunyuze; tubifurije akazi keza n'amahoro y'Imana

Bikorewe i Kigali kuwa 20 Werurwe 2023

Umukono: MUKAKOMINE Velene

MUKANKUNDIYE Verena

OFFICE DE L'OMBUDSMAN
DATE DE RECEPTION 23/03/2023
SIGNATURE:

FOR RECEPTION
DATE: 23/03/2023
RECEIVED

POUR RECEPTION
SECRETARIAT
RWANDA COOPERATIVE AGENCY
DATE: 21/03/2023

**Bimenyeshejwe Ubuyobozi bwa:**

- Akarere ka Gasabo
- Umurenge wa Kinyinya
- Minaloc
- Urwego rw'Umuvunyi
- Urwego rushinzwe Amasoko RPPA
- Ubuyobozi bwa RIB
- Minerena

CamScanner